

IJAMBO RY'IKAZE NO GUSHIMA RYATANZWE
N'UMUNYAMABANGA NSHINGWABIKORWA WA UNITY
CLUB, Mme REGINE IYAMUREMYE
IGITARAMO (GALA DINNER) CYO KWIZIHIZA UMUNSI
MPUZAMAHANGA W'UMUGORE
Serena Kigali, 8 Werurwe 2016

Nyakubahwa Madamu Jeannette Kagame, Madamu wa Nyakubahwa Prezida wa Repubulika y'u Rwanda, mukaba n'Umuyobozi Mukuru wa Unity Club Intwararumuri, Banyacyubahiro mwese muteraniye hano, Bavandimwe, banyamuryango ba Unity Club, Batumirwa bashyitsi bahire,

Mbanje kubaramutsa mwese mbifuriza amahoro y'Imana.

Nyakubahwa First Lady, munyemerere mbanze mbashimire kuba mwafashe umwanya wo kongera kuduhuza, mukaba muturangaje imbere ngo twifatanye kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore.

Nk'uko bisanzwe, ku wa 8 Werurwe wa buri mwaka, isi yose yizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore. Unity Club, nk'Intwararumuri, ifatanyije na Ministeri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, yiyemeje gushyiraho urubuga rwo kwizihiza uyu munsi mu busabane bw'Abayobozi, tugashyira hamwe ingufu z'umugore w'umunyarwandakazi, wahawe urubuga rusesuye mu miyoborere myiza y'Igihugu cyacu. Muri iki

gitaramo, Nyakubahwa First Lady, nk'Abanyamuryango ba Unity Club Intwararumuri, mwaduhaye umwanya wo kwifatanya n'Abayobozi mu nzego nkuru z'Igihugu, n'abandi bayobozi mu nzego zitandukanye, ari iza leta n'iz'abikorera. Turi kumwe kandi na bamwe mu bitabiriye *Global Women Summits* n'abayiteye inkunga.

Umunsi w'umugore wizihizwa kw'isi yose, mu Rwanda rwacu, twe nk'Intwararumuri tudahwema gutanga umusanzu muri gahunda nziza z'Igihugu, twongeye kwishimira ubugira gatatu ko twawuhaye isura n'imbaraga nshya, tugahurizamo ingufu z'inzego nyinshi n'abantu batandukanye, kugira ngo ibikorerwa u Rwanda n'Abanyarwanda birusheho kugera aheza, kandi twese tubigizemo uruhare n'ubufatanye. Kuba dutaramanye n'abandi bayobozi bakuru b'Igihugu, biduha umwanya wo kongera kurushaho gutekereza nk'abayobozi, by'umwihariko b'abagore, tugasesengura urugendo turimo n'icyerecyezo twahisemo, tugashima kandi tukishimira ibyiza byagezweho, ari na ko tuniyemeza gukomeza imihigo ngo dukomeze tube umusemburo muri bagenzi bacu, ndetse no mu maso y'Abanyarwanda bose.

Nyakubahwa Umusangwa Mukuru, mu gihe twizihiza uyu munsi mpuzamahanga w'umugore kandi, turishimira abagore n'abakobwa batowe mu nzego z'ubuyobozi bwite bwa Leta, kuva ku rwego rw'Umudugudu kugera ku rwego rw'Uturere ndetse n'Ubuyobozi bw'Umujiyi wa Kigali! Bamwe muri bo turi kumwe kuri uyu mugoroba, dore ko harimo n'abanyamuryango ba Unity Club! Ibi bikaba bishimangira ihame ry'uburinganire bw'umugabo n'umugore Igihugu cyacu cyimakaje.

Umunsi Mpuzamahanga w'Abagore 2016 ufite insanganyamatsiko igira iti: "**Twimakaze ihame ry'Uburinganire, Turushaho guteza imbere Umugore**", ni umwanya ukwiye kuri twe ngo dufate ingamba zihamye, ndetse hakorwe n'ubuvugizi kuri bimwe

mu bibazo b icyugarije Umunyarwandakazi, cyane cyane mu bijyanye no kwongera amahirwe ye mu by'ubukungu n'imari, agamije kwigira no kwi hesha agaciro we ubwe, umuryango we, n'Igihugu avukamo, Afrika yacu ndetse n'isi yose muri rusange.

Ni muri urwo rwego ku nshuro ya kabiri ku mugabane w'Afrika, u Rwanda rwakiriye inama mpuzamahanga *Global Women Summit*, yateguve n'Ihuriro ri haranira guteza imbere abagore n'imiryango yabo mu mpande z'isi, binyuze mu guhugurana, kubakana no gushora imari. Itegurwa ku bufatanye na Kora Associates, New Faces New Voices Ishami ry'u Rwanda, IFC, n'Ihuriro ry'Abagore bikorera, iterwa inkunga na bimwe mu bigo by'imari n'amasoniyete akorera mu Rwanda. Iyi nama mpuzamahanga yabereye hano muri Hoteli Serena uyu munsi, iba urubuga rwo gusangira ubumenyi ku bisubizo birambye byubaka ubushobozzi bw'umugore mu by'ubukungu n'ishoramari. Twiteguye kuza kubagezaho Nyakubahwa Umusangwa Mukuru, ibyemezo-ngiro byavuye muri iyo nama.

Biri n'amahire ko kuri iyi tariki ya 8 Werurwe 2016, umuryango wacu Unity Club Intwararumuri, nk'uko mubizi neza kandi mukabiduhamo urugero, uduhwema gushaka icyateza imbere Umunyarwanda muri rusange, byagera k'Umunyarwandakazi bikaba umwi hariko! Twiyemeje kuba abanyamuryango ba NFN, dufata iya mbere tugura imigabane mu kigega cy'ishoramari "Women Investment Funds"! Uyu munsi tumaze kugeza ku migabane ihwanye na 41.500.000 Frw, zigabanyije hagati y'abanyamuryango 49. Si n'ibyo gusa, kuko twafunguye n'urubuga rw'inshuti za Unity Club "*Friends of Unity Club*" aho tumaze kubona abageze kuri 19 biyemeje imigabane ihwanye na 32.500.000 Frw, ubwo yose hamwe akaba abaye **74.000.000 Frw.** Ni ikigega twabonyemo amahirwe yo gukira ku Banyarwandakazi, tukaba twiyemeje no gukomeza

ubukangurambaga ngo kizitabirwe na benshi. Bityo, dukomeje intego yo kwishakamo ibisubizo, mu bufatanye, duhagurukira ibikorwa byo kurwanya ubukene, duharanira kwiteza imbere kandi buri wese akagira uruhare rugaragara aho ari, kugira ngo iyi ntego igerweho neza kandi vuba.

Nyakubahwa Musangwa Mukuru, n'ubwo twihuta mu iterambere, turanazirikana! Ubwo twizihizaga Umunsi Mpuzamahanga w'Umuore umwaka ushize, twari dufite amahirwe yo gutaramana na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika akaba n'umunyamuryango w'ikirenga wa Unity Club Intwararumuri! Twahize ko tuzagira uruhare mu mukoro wo gutanga ibitekerezo byubakitse mu ivugururwa ry'Itegeko Nshinga. Uyu ni umwanya mwiza duhawe ngo twishimire ko Abanyarwanda twahisemo neza tugatora tudashidikanya YEGO!

***Imana itaha iwacu, isekera u Rwanda isekera abarwo,
Uwahariwe imyato aba agabye ituze,
Ubu turatuje turizihewe,
Dufite intambwe kuri gahunda,
Dufite Rwego uri kw'isonga,
Wumwa bwangu ijwi ry'abo ashinzwe,
Ati Karame na none Rwanda wambyaye!
Reka ababyeyi tumuhe impundu "Ahiiii"***

Mumfashe nsoze twifatanije, dutume Umukuru umuhora hafi, amugezeho impundu n'imihigo byacu, kuko twashimye ubwitange yagize, afite kandi azahorana. Mu kumushimira nta yindi nzira uretse gukora ibishoboka byose ngo tube kw'isonga y'ibyo adutoza, tube intangarugero z'impanuro nkuru aduha iteka. Turahirwa kuba bugufi bw'ingero z'indashyikirwa!

Umugoroba mwiza, Igitaramo gihire, twese tugubwe neza!